

**NOVENI ITEGURA UMUNSI MUKURU WA BIKIRA MARIYA  
UMWAMIKAZI WA FATIMA  
KUWA 13 GICURASI 2024**

Kuva kuwa 04/05/2024 -12/05/2024.

**UKO IYI NOVENI IZAKORWA**

1. Indirimbo ya Bikira Mariya
2. Ikimenyetso cy'umugarabira
3. Ishapule (y'umunsi turiho)
4. **Isengesho rivugwa buri munsi:** Mana yanyije, ndakwemera, ndakuramya, ndakwizera kandi ndagukunda. Ndasabira imbabazi abatakwemera, abatakuramya, abatakwizera n'abatagukunda. Butatu butagatifu rwose; Data, Mwana na Roho Mutagatifu, ndakuramya, ngutuye umubiri, amaraso, Roho n'ubumana by'umana wawe Yezu Kristu biri muri za Taberinakulo z'isi yose ngira ngo mpongerere ibyaha, za sakirilego, uburakari bukabije no kwirengagiza bimushavuzi. Kandi ngiriye umutima we mutagatifu mbinyujije ku mutima utagira inenge wa Bikira Mariya ngusabye uguhinduka kw'abanyabyaha.
5. Gusoma ijambo ry'Imana no kurisangira
6. Ubutumwa buzirikanwa bw'umunsi
7. Kuzirikana ubutumwa bwa Bikira Mariya (Ubw'umunsi)
8. *Yezu wacu, tubabarire ibyaha byacu, turinde umuriro w'iteka, igarurire Roho z'abantu kandi uzibabwirire inzira y'ijuru, cyane cyane wite ku bakeneye impuhwe zawe. Amen*
9. Isengesho ryo kwiragiza Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima (Reba ku ipaji ya nyuma)
10. **Isengesho risoza:** Bikira Mariya, Mwamikazi wa Fatima, wabonekeye i Fatima muri Porutigali, maze utumenyesha ingabire zitagira urugero dukura mu kuvuga isengesho rya Rozari ntagatifu. Uhe imitima yacu gukunda iryo sengesho. Igihe ubonekeye i Fatima ho mu gihugu cya Porutigali, wazaniye amahoro icyo gihugu cyari cyarazahajwe n'intambara ya mbere y'isi yose. Turagusaba ngo uhe igihugu cyacu amahoro, Uhe amahoro ingo zacu dutuye bityo tubeho twishimye kandi turi abakristu byuzuye. Mwamikazi w'amahoro, iyi si yacu dutuye isonzeye amahoro arambye, uyisabire Mubyeyi ibonere amahoro buri wese bityo abantu bose baronke ibyishimo bikomoka ku Mwana wawe Yezu Kristu Umwami wacu. Amen.
11. Indirimbo ya Bikira Mariya+Gusoza

**Umunsi wa 1: Ijambo ry'Imana: Mk 10,13-16**

-Icyo tuzirikana: **Bikira Mariya yabonekeye abana batatu.**

Lusiya, Yasenta na Fransisiko bari abana bato, ariko Bikira Mariya yarababonekeye, abifashisha mu kuba intumwa z'amahoro isi yacu yari ikeneye. Ibyo biratwibutsa ko duhamagariwe kuba nk'abana bato kugira ngo tubeho twemera kandi dukundana, bikaduhagarira kubaho twirinda inzangano, umwiriyane bikunda kugaragara ku isi. Abana bato iyo badashutswe n'abantu bakuru, babaho barangwa n'urukundo, ineza, impuhwe no kwemera ibyo babwiwe n' abakuru.

**-Ubutumwa bw'ibonekerwa rya mbere:** *Murashaka kwitwira Imana mwihanganira imibabaro izabohereza nk'igikorwa cyo guhongerera ibyaha ndetse nk'isengesho ryo gusaba uguhinduka kw'abanyabyaha?*

Lusiya asubiriza mu kigwi cya bose ati: "Yego turabishaka."

*-Mugiye kuzababara cyane rero, ariko muhumure ingabire y'Imana izababera ikiramiro. (Guceceka akanya gato)*

**Umunsi wa 2: Ijambo ry'Imana: Yak. 4, 1-10**

**- Icyo tuzirikana: Ubutumwa bw' amahoro mu gihe cy'intambara** Hari mu ntambara y'isi yose, abantu bose bahangayitse, abantu bapfa urw'agashinyaguro, abantu nta gaciro bagifite; Bikira Mariya atuzanira ubutumwa bw'amahoro bityo asaba ko abantu basenga cyane, bavuga kenshi ishapure.

**-Ubutumwa bw'ibonekerwa rya kabiri:** Bikira Mariya yabwiye Lusiya ko yifuza ko bagaruka ku itariki ya 13 y'ukwezi gukurikira. Yamusabye kandi kwiga gusoma no kwandika. Bikira Mariya abwira Lusiya na none ati: "Yasenta na Faransisiko nzabajyana mu ijuru vuba aha ariko wowe ugomba kuzaguma ku isi kuko Yezu yifuza kugukoresha kugira ngo umenyekanishe kandi ukundishe abantu. Yezu arashaka kwimika ubuyoboke bw'umutima wanyije utagira inenge ku isi. Nsezeranyije umukiro umuntu wese uzawakira. Roho z'abo bantu zizakundwa n'Imana nk'indabo nziza nyjewe ubwanjye nzaba ntatse ku ntebe yayo y'Ubwami" Bikira Mariya kandi yasezeranyije Lusiya ko umutima we utagira inenge uzamubera ubuhungiro n'inzira izamugeza ku Mana."

**Umunsi wa 3: Ijambo ry'Imana: Rom12,9-21**

-Icyo tuzirikana: **Guhamagarira abantu gusenga**

Bikira Mariya yahamagariye abana b'i Fatima gusenga cyane. Uyu munsi natwe araduhamagariye gusenga cyane by'umwihariko dusabira isi ngo igire amahoro. Duhamagariye kurushaho kwegera Nyagasani. Twibuke ko ingoma y'Ijuru izaza nk'umujura, igihe tutazi, ntituzi umunsi n'isaha.

Mubyeyi Bikira Mariya twereke uburyo bukwiye bwo gusenga, twigishe kuganira n'Imana nkuko umuntu aganira n'inshuti ye akunda. Iyi si yacu igwiriyemo abantu benshi badasenga, hari n'abibwira ko basenga ariko kandi badasenga uko bikwiye cyangwa se bisenga.

**-Mu ibonekerwa rya gatatu** Bikira Mariya yabwiye Lusiya ati: "Mukomeze kuvuga ishapule buri munsi mwubaha umwamikazi wa Rozari musabira isi amahoro n'irangira ry'intambara. Ishapule niyo yonyine izakiza isi." ... Mukomeze kuza hano buri kwezi. Mu kwezi k'Ukwakira nzababwirira uwo ndiwe n'icyo nifuzaza. Uwo munsi uzakora n'igitangaza bose bazabona ku buryo bazemera". ... Yakomeje abwira Lusiya ati: "Mwitangeho ibitambo kubera abanyabyaha kandi igihe mwibabaza mujye muvuga muti: "Yezu wanyije ngutuye iki gitambo kubera urukundo ngufitiye, kugira ngo abanyabyaha bahinduke no kugirango mpongerere ibyaha bikorerwa umutima utagira inenge wa Bikira Mariya."

**Umunsi wa 4: Ijambo ry'Imana: Kol 3,5-17**

-Icyo tuzirikana: **Guhamagarira abantu guhongerera ibyaha**

I Fatima, Bikira Mariya yadusabye kwitanga tugahongerera ibyaha. Hirya no hino ku isi hari abanyabyaha benshi bakeneye ko tubitangira kugira ngo Nyagasani abagirira impuhwe bahinduke. Lusiya, Yasenta na Fransisiko barabikoze maze biyongereye benshi. Iyi si yacu yuzuyemo abanyabyaha b'amoko menshi.

**-Ibanga rya mbere rya Fatima:** Abana beretswe umuriro w'ikuzimu. Umubyeyi yaberetse inyanja nini y'umuriro. Iyo nyanja yari ihereye mu nda y'isi. Muri uwo muriro hari huzuyemo amashitani na roho zifite isura y'abantu zagurumanaga zisa n'amakara. Zarerembaga mu ndimi z'umuriro kandi zicumba umwotsi. Zagwagwanaga hose bigaragara ko nta buremere kandi zihorotse mu miniho y'ububabare n'ubwihebe byatumaga zihinda umushyitsi. Amashitani yagaragazwaga n'ishusho yari afite idasanzwe kandi iteye ubwoba. Yari ishusho mbi y'inyamaswa zitazwi kandi ziteye ubwoba zaboneranaga kandi zirabura. Bikira Mariya arababwirira ati: *Mubonye ikuzimu aho roho z'abanyabyaha zijya. Imana irashaka kwimika umutima wanyije utagira inenge kugira ngo ibakize. Abantu nibakora ibyo nababwiye roho nyinshi zizakira n'amahoro aboneke intambara irangire. Ariko niba batihanyye hazaza indi ntambara mbi cyane.*

**Umunsi wa 5: Ijambo ry'Imana: Yh 15,11-17**

-Icyo tuzirikana: **Guhamagarira abantu kwicuza.**

I Fatima, Umubyeyi Bikira Mariya yadusabye Kwicuza. Kwicuza neza bidusaba kwireba mbere na mbere, tukareka imigirire yacu mibi, ihora ibabaza Imana, tugaharanira gukora ibishimisha Imana. Kubigeraho bidusaba gusaba ibyo twangirije kubera kunangira umutima.

Mariya Mubyeyi wacu, udufashe kwivugurura, tumenye gusaba imbabazi, udufashe gukingurira imitima Umwana wawe maze atwemere ibikomere duterwa n'ibyaha. Abantu benshi bakunda gutsimbarara ku byaha byabo; ntibagishaka kwegera imbabazi z'Imana

**-Ibanga rya Kabiri rya Fatima:** Umubyeyi yabwiye abana ati: *Intambara iri hafi kurangira ariko abantu nibatarekeraho gucumura ku Mana hazaduka indi ifite ubukana buzarusheho... Kugira ngo mposhye iyo ntambara nzaza gusaba ko abatuye isi biyegurira Umutima wanyije utagira inenge nsaba n'abantu guhazwa buri wa gatandatu wa mbere bahongerera ibyaha by'isi. Abantu nibumva ibyo mbasaba, uburusiya buzahinduka amahoro aganze...*

**Umunsi wa 6:** Ijambo ry’Imana: **Mt 10,16-23**

**-Icyo tuzirikana:** Gusabira isi na Kiliziya

Bikira Mariya i Fatima yagarutse ku ngorane n’ibitotezo Kiliziya ihura nabyo. Yerekanye abayobozi ba Kiliziya y’Imana baca mu magorwa akomeye ariko amaherezo bakayarenga, babikesheje icyuhagizo cyuje amaraso ya Ntama, Umumalayika abatera. Iyerekwaga ry’i Fatima rivugaga ku buhakanyi burwanya Kiliziya n’abakristu. Ryagenuye itotewe ryakorewe abemera b’ikinyejana cya nyuma cy’ikinyagihumbi cya kabiri n’ubu rigikomeje. Muri iki sekibi aragenda ashaka kwigarurira isi no kuyitegeka atasha abantu ukwemera kubageza ku mukiro. Hari benshi bataye ukwemera. Uko umuntu agenda atera imbere usanga arushaho guhigika Imana akaba ari we wishyira imbere.

**-Ibanga rya Gatatu:** Lusiyi yaragize ati : *Ibumoso bw’Umubyeyi, ahagana hejuru twabonye Umumalayika wari uhagaze afashe inkota mu kiganza cy’ibumoso. Iyo nkota yarabengeranaga cyane kandi itera ibishashi by’umuriro nk’iyagombaga gutwika isi! Ariko ibyo bishashi byarazimaga biluye n’ibishashi by’ububengerane byaturukaga mu kiganza cy’iburyo cya Bikira Mariya. Nuko umumalayika yerekeza ikiganza cy’iburyo ku isi mu ijwi riremereye agira ati: « Nimwicuze, nimwicuze, nimwicuze! » Nuko tubonera mu rumuri rw’agatangaza arirwo Mana, ishusho y’umuntu nk’uko wamubonera mu ndorerwamo ariho atambuka. Twabonyemo umwepiskopi wari wambaye ibyera. Twakete ku ari Papa. Nyuma tubona n’abandi basenyeri benshi, abapadiri n’ababikira bazamukaga umusozi uhanamye warezukiraga ku musaraba munini wari ukoze mu ngiga z’igiti bibisi binini kandi bidashishuye. Mbere y’uko Papa agera kuri uwo musaraba yabanye kwambukiranya umugi munini wari wuzuye amatongo kandi wari utuwe n’abantu bahindaga umushyitsi. Papa yagendaga yihuta arira kandi ataka kubera ububabare asabira roho z’imirambo yanyuragaho mu nzira. Ageze mu mpinga ya wa musozi, apfukama imbere ya wa musaraba munini. Aho kanya araswa urufaya n’abantu benshi bakoresheje imbunda n’imyambi. Nyuma ye abo bantu badukira na ba bepiskopi, ababikira n’abandi bakristu benshi barimo abagore, abagabo, n’abana bo mu nzego zinyuranye. Mu nsi y’umusaraba hari hahagaze abamalayika babiri, umwe iburyo undi ibumoso. Abo bamalayika bari bafashe ibyuhizo (arrosoirs) mu biganza bategeshaga amaraso y’abo bamaritiri bashiriraga ku icumu ari nako bayuhiza roho z’abazaga basanga Imana.*

**Umunsi wa 7:** Ijambo ry’Imana: **2Mak 12,38-45**

**-Icyo tuzirikana:** Gusabira Roho zo mu Purgatori.

Twiyumviye ukuntu Yuda Makabe yategetse gusabira abari baguye ku rugamba. Ibyo yabikoze kuko yemeraga ko abapfuye bazazuka. Kiliziya idusaba gusabira abacu bapfuye. Abo dusabira ni abakiri muri Purgatori. Izo roho zikeneye amasengesho yacu n’ukwibabaza kwacu. Tuba twingira Imana ngo ibakure mu isukuriro, maze ibakire mu bwami bwayo. Tuzi neza ko n’itungane bwira icumuye karindwi. Kandi ntutuzi umunsi tuzavira kuri iyi si. Birakwiye ko tubibuka kugirango natwe tuzibukwe n’abandi.

**-Mu ibonekerwa rya kane,** Umubyeyi yabwiye Lusiyi Ati: « *Ndashaka ko ukomeza kujya kuri Kova da iriya buri tariki ya 13 kandi ugakomeza kuvugisha ishapule buri muni.*” ... *Mu kwezi gutaha kwa cumi nzakora igitungaza ku buryo bose bazemera amabonekerwa yanjye.*” Yabazereyanjije ko azazana na Yozefu ndetse n’Umwana Yezu baje gutanga amahoro ku isi. Lusiyi yasabye gukura abarwayi bari baramuzaniye. Bikira Mariya arasubiza ati:” *Yego, nzakiza bamwe uko umwaka uzashira. Umubyeyi yabigishije gusabira roho z’abantu kurusha guharanira umukiro w’umubiri.* Yungamo ati:” *Nimusenge musenge cyane mwibabaze kubera abanyabyaha kubera ko roho nyinshi zijya mu muriro bitewe no kubura abazisabira n’abibabaza kubera zo*”.

**Umunsi wa 8:** Ijambo ry’Imana : **2 Kor 4,5-13**

**-Icyo tuzirikana:** Gukomera mu bitotezo

Abana babonekewe na Bikira Mariya ni abana basanzwe, biberagaho mu buzima busanzwe ariko bahawe ubutumwa butoroshye bwa Bikira Mariya. Bahuye n’ibigeragezo byinshi ariko babinyuramo gitwari. Gukomera Imana bisaba ukwemera, icyizere, kwicisha ubugufi n’ingabire y’ubuhanga. Dusabe ingabire yo gushira amanga, twamamaze urukundo rw’Imana. Mu buzima duhura na byinshi bitubabaza: ibyago, ibigeragezo, ibibazob bitandukanye.

**-Mu ibonekerwa rya gatanu,** Bikira Mariya yabwiye abana ati: ” *Abantu nibakomeze bavuye ishapule buri muni kugira ngo isi ibone amahoro. Mu kwezi gutaha nzakora igitungaza ku buryo bose bazemera ibonekerwa ryanjye. Icyo gihe Yozefu azazana n’Umwana Yezu gutanga amahoro ku isi. Nyagasani na we azaza guha abantu umugisha. Bazazana kandi n’Umwamikazi wa Rozali n’uwububabare.*

**Umunsi wa 9:** Ijambo ry’Imana: **Ef 6,10-18**

**-Icyo tuzirikana:** Gusenga cyane no kuvuga Rozali n’ishapule.

Bikira Mariya yeretse abantu igitungaza gikomeye kugira ngo bemere ko ari We koko ubonekera abana. Yezu yaravuze ati : « *nimugira ukwemera kungana n’impeke y’ururo muzabwira umusozi ngo wimuke ujye hariya, uzabumvira.* (Mt 17,20) » Uyu muni Yezu aracyatwerekera ibitungaza kugira ngo twemere Imana, tumukingurire imitima, twemere kugendera mu nzira ze maze tuzaronke umukiro w’iteka. Mu buzima bwacu Imana ihora itwerekera ibitungaza: kuba waramutse, guhura n’ibibazo ukabivamo, kurwara ugakira ni ibitungaza by’Imana. Amabonekerwa y’i Fatima yabereye benshi impamvu yo gukomera ku kwemera no guhinduka. Ubutumwa bw’aho bwakayeye ku isi hose, kandi ntibutandukanye cyane n’ubutumwa twahawe na Bikira Mariya igihe abonekeye i Kibeho.

**-Mu ibonekerwa rya nyuma** ryo ku wa 13 Ukwakira 1917, Bikira Mariya yabwiye abana ati:” **Ndifuzako munyubakira Shapeli hano. Ndi Umwamikazi wa Rozali. Mukomeze kuvuga ishapule buri muni. Intambara izarangira vuba abasirikare bagaruke mu bigo byabo**”. Abantu bagomba kurekeraho gushavuzwa Nyagasani, baramushavuye bihagije.” Haturikiyeho igitungaza cy’izuba ryabyinaga n’umuryango Mutagatifu wigaragariza Lusiyi.

Isengesho ryo kwiragiza Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima:

*Bikira Mariya Mwamikazi wa Fatima Mubyeyi utagira inenge wa Yezu n’uwacu Imana yakugize umugabuzi w’ingabire zayo maze ku bubasha bwa Roho Mutagatifu, utubyarira Yezu Kristu dukusha umukiro.*

*Twebwe abana warazwe turagushimira ineza yawe, kandi twizeye ubuvunyi bwawe. Uturinde icyaha n’amakuba, Ku isi hose haganze amahoro.*

*Tugutuye Kiliziya yacu, irushaho kuba umugeni wizihye Kristu. Turakwiyeguriye twese n’ibyacu byose. Uturungere igihe cyose.*

*Udukomeze mu kwemera, ukwizera n’urukundo.*

*Mubyeyi w’impuhwe nyinshi.*

*Abawe twese uduhe kugarukira Imana by’ukuri, no gushora imizi muri Kristu tuyobowe na Roho w’ubujyanama n’uwubudacogora. Tuyoboke twese inzira itugeza mu ijuru. Amen*



Bikorewe mu Ruhengeri, kuwa 27/04/2024

Ingoro ya Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima-  
RUHENGARI